No 219 Mars2019

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## IMIKORANIRE Y'IBITANGAZAMAKURU N'ABANYAPOLITIKI IKWIYE GUSHINGIRA KU BUNYAMWUGA


*Depite HABINEZA Frank, Umuvugizi w'Ihuriro*

Imikoranire y'ibitangazamakuru n'abanyapolitiki ikwiye gushingira ku bunyamwuga; ibi ni ibyagarutsweho mu nama nyunguranabitekerezo yateguwe n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya politiki ku bufatanye n'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB) ku mikoranire hagati y'ibitangazamakuru n'abanyapolitiki (Relationship between Politicians and Media), yabaye ku wa gatanu tariki ya 15/03/2019; ibera muri Hotel Lemigo mu Karere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali.

Umuvugizi w'Ihuriro, Depite HABINEZA Frank wafunguye iyi nama ku mugaragaro, yavuze ko iyi nama nyunguranabitekerezo yateguwe hagamijwe guhuza abayobozi mu Mitwe ya politiki n'abahagarariye ibitangazamakuru (Media) kugira ngo baganire ku mikoranire yubaka ikwiye kubaranga bubahiriza amahame ngengamwuga.

Agaruka ku ngingo ziri buganirweho, yavuze ko abitabiriye iyi nama bungurana ibitekerezo ku burenganzira bw'umunyamakuru n'ibyo asabwa kubahiriza mu kubona amakuru; kugaragaza uruhare rw'ibitangazamakuru ndetse n'urw'abanyapolitiki mu guteza imbere ubwumvikane muri politiki; kwibukiranya indangagaciro ziranga umunyapolitiki cyane cyane mu bihe by'ihiganwa n'ibihe by'amatora, kuko ari byo bihe biba bishyushye cyane muri politiki; basesengurire hamwe imikoranire yubaka ikwiye kuranga umunyapolitiki n'umunyamakuru mu kubaka ubumwe bw'Igihugu.

Aha, yavuze ko izi ndangagaciro za politiki zibafasha guhora iteka bazirikana ko Abanyapolitiki b'u Rwanda muri iki gihe bagomba gukora politiki yubaka, politiki ituma Abanyarwanda bose babana neza. Izi ndangagaciro kandi zibafasha mu mikorere yabo kumva ko bagomba gutandukana n'imikorere n'imyitwarire y'abanyapolitiki babi bateguye bakanashyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 tugiye kwibuka ku nshuro ya 25 muri iki gihe. Avuga ko abo banyapolitiki n'abanyamakuru babi bayobeje Abanyarwanda muri rusange babigisha urwango n'ivangura kandi bose ari bene Kanyarwanda.



*Abatanz e ibiganiro*

Yasoje asaba ko iyi nama yaba umwanya wo kongera kwiyibutsa inshingano za buri wese, umunyapolitiki n'umunyamakuru, n'uruhare rwabo mu guteza imbere politiki ishingiye ku bwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu, guteza imbere Umunyarwanda kandi buri wese yubahiriza amahame agenga umwuga we.
Muri iyi nama hatanzwe ibiganiro bibiri aribyo: Uruhare rw'abanyapolitiki n'abanyamakuru mu guteza imbere ubwumvikane muri politiki; n'imikoranire ikwiye kuranga abanyapolitiki n'abanyamakuru hubahirizwa amahame ngengamwuga ku mpande zombi.

Abatanze ibi biganiro, yaba RUSHINGABIGWI Jean Bosco, yaba na Hon. GASAMAGERA Wellars bagaragarije abanyamakuru n'abanyapolitiki ko buri wese mu mwuga yiyemeje, agomba kuwukora mu bwisanzure no mu bwubahane ariko cyane cyane bibuka kunoza ubunyamwuga kugira ngo inzego zombi zitahirize umugozi umwe wo gushaka icyagirira umuturage akamaro.

Nyuma y'ibi biganiro no kungurana ibitekerezo kuri buri ngingo, abari mu nama mu myanzuro bafashe harimo gukomeza kunoza imikorere n'imikoranire hagati y'Abanyapolitiki n'ibitangazamakuru hubahirizwa amahame n'indangagaciro ngengamwuga (ethics and professionalism): abanyapolitiki bagatanga amakuru mu gihe akenewe; abanyamakuru bagatangaza amakuru y'ukuri kandi yubaka, harimo kandi ko Abanyapolitiki n'ibitangazamakuru, byakomeza kurushaho kwigisha no gusobanurira Abanyarwanda impamvu u Rwanda rwahisemo kugendera kuri demokarasi ishingiye ku bwumvikane no guteza imbere Umuturage.


*Madamu MUTIMUKEYE Nicole (ibumoso)*

Asoza iyi nama ku mugaragaro, Perezidanti wa Komisiyo Ishinzwe Itumanaho no Kungurana ibitekerezo mu Ihuriro, Madamu MUTIMUKEYE Nicole, yashimye buri wese witabiriye iyi nama, abatanze ibiganiro, abahagarariye Imitwe ya politiki, abanyamakuru, n'izindi nzego z'abafatanyabikorwa.

Yashimiye kandi RGB ubufatanye igaragariza Ihuriro mu gutera inkunga ibiganiro nk'ibi. Yajeje ko Ihuriro rizakomeza gutegura ibiganiro nyunguranabitekerezo bihuza Imitwe ya Politiki n'izindi nzego mu Gihugu, mu rwego rwo guteza imbere imiyoborere myiza, kubaka ubwumvikane muri politiki no guharanira ubumwe bw'Igihugu.
Yasabye ko Abanyapolitiki n'Abanyamakuru bakomeza gukorana hubahirizwa amategeko n'amahame ngengamwuga ku bw'inyungu rusange z'umunyarwanda.

## ABAGIZE INAMA RUSANGE BASOBANURIWE POLITIKI N'INGAMBA Z'IGIHUGU ZO KURWANYA IMIRIRE MIBI N'IGWINGIRA RY'ABANA

Politiki n'ingamba z'Igihugu zo kurwanya imirire mibi n'igwingira ry'abana ni ikiganiro cyatanzwe n'Umuhuzabikorwa wa Porogaramu y'Igihugu Mbonezamikurire y'abana bato (ECDP) ku wa kane, tariki ya 28 Werurwe 2019, mu nama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki.


*Abagize Inama Rusange y'Ihuriro*

Uwatanze ikiganiro yerekanye icyo gahunda y'imbonezamikurire y'abana bato igamije na gahunda zashyizweho zigamije kurwanya imirire mibi mu bana zirimo gahunda yo gukurikirana imikurire y'umwana mu Mudugudu, gahunda y'ubukangurambaga ku minsi igihumbi ya mbere umwana avutse, ishingiro ry'ubuzima bwiza bw'umwana na gahunda ya Shisha kibondo ku bagore batwite, abonsa n'abana bafite hagati y'amezi 6 na 24.


*Dr ASIIMWE Anita/ Umuhuzabikorwa wa EDCP*

Yakomeje yerekana imbogamizi zagaragaye zirimo ikibazo cy'imyumvire y'ababyeyi ikiri hasi ku bijyanye n'ubumenyi ku mikurire y'umwana n'ingamba zafashwe mu rwego rwo kurwanya igwingira ry'abana zirimo kongera imbaraga mu bukangurambaga ku minsi igihumbi ya mbere shingiro ry'ubuzima bwiza bw'umwana no gushyiraho ingo-mbonezamikurire mu Midugudu, hagamijwe ko umwana akura mu gihagararo, mu bwenge, mu mibanire n'abandi, mu buzima mbamutima, mu mutekano, n'izindi.

Inama Rusange yashimye ibimaze gukorwa n'ingamba zafashwe, isaba ko kurwanya igwingira byitabwaho na buri wese mu rwego rwo kubaka u Rwanda rurambye. Imitwe ya Politiki yijeje ubufatanye mu bukangurambaga muri iyi gahunda.
Ku ngingo yo gusuzuma umushinga w'Indangamyitwarire y'Imitwe ya Politiki n'abayoboke bayo ivuguruye, Inama Rusange yemeje iyi Ndangamyitwarire y'Imitwe ya Politiki n'abayoboke bayo ivuguruye isaba ko itangira gukurikizwa .

Ku ngingo yo kugezwaho raporo ya Komite yihariye ishinzwe kubonera Ihuriro inyubako yo gukoreramo ridakodesha; Inama Rusange yashimye iyi raporo, ishima n'akazi kakozwe. Mu rwego rwo kugaragaza uruhare rw'Ihuriro n'Imitwe ya politiki mu gutangiza umushinga wo kubaka inyubako bwite y'aho Ihuriro rikorera ridakodesha, Imitwe ya Politiki yemeye kugira icyo yigomwa ku nkunga Leta iyigenera.

Ku ngingo ijyanye no gusuzuma no kwemeza imiterere y'ikimenyetso cyo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 n'ubutumwa bwakwandikwaho, Inama Rusange yaracyemeje.


Biro nshya y'Ihuriro (hagati) iri kumwe n'abacyuye igihe

Ku ngingo yo gushyiraho abagize Biro y'Ihuriro, Inama Rusange yashyizeho Hon. MUKABUNANI Christine, uturuka mu Ishyaka PS Imberakuri, ku mwanya w'Umuvugizi na Hon MUKAMA Abbas, uturuka mu Ishyaka PDI, ku mwanya w'Umuvugizi Wungirije.

GUKOMEZA UBUVUGIZI BWO KUBONERA IHURIRO INYUBAKO RIKORERAMO RIDAKODESHA KIMWE MU BYASABWE ABAVUGIZI BASHYA



Umuvugizi mushya ashyikirizwa n'Umuvugizi

*Tariki ya 28 Werurwe 2019, Inama Rusange y'Ihuriro yashyizeho abagize Biro y'Ihuriro aribo Hon. MUKABUNANI Christine, uturuka mu Umutwe wa politiki wa PS Imberakuri, ku mwanya w'Umuvugizi wasimbuye Hon. Dr. HABINEZA Frank, uturuka mu Umutwe wa Politiki wa DGPR, ishyiraho kandi Hon. MUKAMA Abbas, uturuka mu Umutwe wa politiki wa PDI, ku mwanya w'Umuvugizi Wungirije wasimbuye Hon. NYIRAGWANEZA Athanasie, uturuka mu Umutwe wa politiki wa PSD.*

Nyuma yo gushyirwaho; kuri uyu wa gatatu tariki ya 03 Mata 2019 ku Cyicaro cy'Ihuriro, hakozwe ihererekanyabubasha hagati y'abo bavugizi bashya n'Abavugizi bacyuye igihe. Abagize Biro nshya basabwe gukomeza gukora ubuvugizi kugira ngo Ihuriro ribone inyubako yaryo bwite rizajya rikoreramo ridakodesha, gukomeza gushaka abafatanyabikorwa batera inkunga ibikorwa binyuranye by'Ihuriro no gukomeza umushinga wo kuvugurura Igitabo cy'uburyo bw'Imiyoborere n'icungamutungo by'Ihuriro.

Muri uyu muhango w'ihererekanyabubasha, Umuvugizi ucyuye igihe Hon. Dr. HABINEZA Frank yashimye imikoranire yaranze Biro n'abakozi b'Ihuriro, avuga ko inshingano zabo zitagerwaho badakoranye bya hafi n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa. Mu ijambo rye kandi, yabwiye abagize Biro nshya ko mu gihe cya manda yabo bakoze ibikorwa byinshi birimo gutegura no kuyobora Inama Rusange, iza Biro, gukurikirana inama za Komisiyo zihoraho z'Ihuriro, gukurikirana itangwa ry'amahugurwa y'abayoboke b'Imitwe ya Politiki, gukorana na Komisiyo yashyizweho n'Inama Rusange y'Ihuriro yari ishinzwe gukora ubuvugizi bwo kubonera Ihuriro inyubako yayo bwite yakoreramo ridakodesha n'ibindi.



Abagize Biro nshya bashyikiriza inyandiko Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro

Abagize Biro bashya bashimye akazi kakozwe n'abo basimbuye, bizeza ko bazakomeza guhanahana amakuru mu nyungu rusange z'Ihuriro. Bijeje kandi ko bazakomeza gukora ibikorwa biteza imbere Ihuriro cyane cyane bashyira imbere inshingano zabo zirimo guteza imbere ibiganiro bya politiki, gukurikirana itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'amahugurwa agenerwa abayoboke b'Imitwe ya politiki, gukomeza ubuvugizi bwo kubonera Ihuriro inyubako yayo bwite ryakoreramo ridakodesha, gushishikariza Imitwe ya politiki kwitabira ibikorwa byose byo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ku nshuro ya 25.

## ITANGAZO RIGENEWE IBITANGAZAMAKURU

**ITANGAZO RY'INAMA RUSANGE Y'IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI**

None ku wa kane, tariki ya 28 Werurwe 2019, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro, Depite Dr. HABINEZA Frank.

Ku murongo w'ibyizwe hari:

1. Gusuzuma no kwemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Rusange yo kuwa 27/12/2018;
2. Ikiganiro kuri « *Politiki n'ingamba z'Igihugu zo kurwanya imirire mibi n'igwingira ry'abana*»; cyatanzwe n'Umuhuzabikorwa wa Porogaramu y'Igihugu Mbonezamikurire y'abana bato (ECDP) ;
3. Gusuzuma no kwemeza umushinga w'Indangamyitwarire y'Imitwe ya Politiki n'abayoboke bayo ivuguruye ;
4. Kugezwaho raporo ya Komite yihariye ishinzwe kubonera Ihuriro inyubako yo gukoreramo ridakodesha;
5. Kungurana ibitekerezo kumiterere y'ikimenyetso cyo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 n'ubutumwabwa kwandikwaho, kizubakwa ku Cyicaro cy'Ihuriro;
6. Gushyiraho abagize Biro y'Ihuriro.

**<u>Imyanzuro y'inama</u>**

Ku ngingo ya mbere (1), Inama Rusange yemeje inyandikomvugo y'inama y'Inama Rusange yo kuwa 27/12/2018 imaze kuyikorera ubugororangingo.

Ku ngingo ya kabiri (2) ijyanye n'ikiganiro kuri «*Politiki n'ingamba z'Igihugu zo kurwanya imirire mibi n'igwingira ry'abana* »; cyatanzwe na Hon. Dr. ASIIMWE Anita/ Umuhuzabikorwa wa Porogaramu y'Igihugu Mbonezamikurire y'abana bato (ECDP).

Uwatanze ikiganiro yerekanye icyo gahunda y'imbonezamikurire y'abana bato igamije na gahunda zashyizweho zigamije kurwanya imirire mibi mu bana zirimo gahunda yo gukurikirana imikurire y'umwana mu Mudugudu, Gahunda y'ubukangurambaga kuminsi igihumbi ya mbere umwana avutse, Ishingiro ry'ubuzima bwiza bw'umwana na gahunda ya Shisha kibondo Kubagore batwite, abonsa n'abana bafite hagati y'amezi 6 kugeza kuri 24.

Yakomeje yerekana imbogamizi zagaragaye zirimo ikibazo cy'imyumvire y'ababyeyi ikiri hasi kubijyanye n'ubumenyi kumikurire y'umwana n' ingamba zafashwe mu rwego rwo kurwanya igwigira ry'abana zirimo kongera imbaraga mu bukangurambaga ku minsi igihumbi yambere Shingiro ry'ubuzima bwiza bw'umwana no gushyiraho ingo-mbonezamikurire mu Midugudu, hagamijwe ko umwana akura mu gihagararo, mu bwenge, mu mibanire n'abandi, mu buzima mba mutima, mu mutekano, n'izindi.

Inama Rusange yashimye ibimaze gukorwa n'ingamba zafashwe, isabako ku rwanya igwingira byita bwaho na buri wese mu rwego rwo kubaka u Rwanda rurambye.

Imitwe ya Politiki yijeje ubufatanye mu bukangurambaga muri iyi gahunda.

Ku ngingoya gatatu (3), InamaRusange yemeje *ndangamyitwarire y'Imitwe ya Politiki n'abayoboke bayo ivuguruye* isaba ko itangira gukurikizwa.
Ku ngingo ya kane 4), Inama Rusange yagejejweho raporo ya Komite yiha riye ishinzwe gukora ubuvugizi ku nyubako bwite yo gukoreramo ridako desha; irayishima, ishima n'akazi kakozwe.

Mu rwego rwo kugaragaza uruhare rw'Ihuriro n'Imitwe ya poltiki mu gutangiza umushinga wo kubaka inyubako bwite y'aho Ihuriro rikorera ridakodesha, Imitwe ya Politiki yemeye kugira icyo yigomwa ku nkunga Leta iyigenera.

Ku ngingoyagatanu (5) ijyanyeno gusuzuma no Kwemeza imiterere y'ikime nyetso cyo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 n'ubutumwa bwakwandikwa ho, Inama Rusange yabyemeje.

Ku ngingo ya gatandatu (6) ijyanye no gushyiraho abagize Biro y'Ihuriro, ]Inama Rusange yashyizeho Hon.MUKABUNANI Christine, uturuka mu Ishyaka PS Imberakuri, ku mwanya w'Umuvugizi; na Hon MUKAMA Abbas, uturuka mu Ishyaka PDI, ku mwanya w'Umuvugizi Wungirije.

Mu bindi, Inama Rusange yagarutse kuri gahunda n'imyiteguro y'Icyumweru cy'Icyunamo cyo kwibuka ku nshuro ya 25 Jenoside yakorewe Abatutsi mu w'1994, ishima ibimaze gukorwa n'uruhare rwa buri wese; isaba Imitwe ya Politiki gukomeza gushishikariza abayoboke bayo kwitabira no kugira uruhare muri gahunda zose zateguwe muri icyi cyumweru cy'Icyunamo.

Mu gusoza inama, Umuvugizi n'Umuvugizi Wungirije batowe bashimye Inama Rusange ikizere yabagiriye, bizeza ubufatanye mu bikorwa byose bigamije guteza imbere Ihuriro no kugera ku nshingano zaryo.

Bikorewe i Kigali, tariki ya 28/03/2019.

**BURASANZWE Oswald**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa**